




Ubuhinzi bwa kijyambere bw'imyumbati

Ibikenerwa kuri Are imwe: (Are 1=m 10x10)

Imbutu	Imborera	NPK 17.17.17	Umugozi	Inkoni
Ingeri 100	Ibiro 2 kuri buri ngeri	Agafuniko ka fanta kuri buri ngeri	Umugozi 1	Ebyiri zifite m 1


1 ICYICIRO CYA **TEGURA UMURIMA**

Tabira neza umurima, uvanemo urwiri kandi uce imirwanyasuri. Imyumbati itanga umusaruro mwiza iyo iri mu butaka bukungahaye kw'ifumbire y'imborera. Ubutaka buseseka, bufite ubujyakuzimu burebure kandi bubasha guhitisha amazi n'umwuka.




2 ICYICIRO CYA **TEGURA INGERI ZO GUTERA**

Hitamo ingeri nziza wita kuri ibi: ingeri zivuye ku biti bikuze (bifite hagati y'amezi 8 na 18), zivuye mu murima w'imyumbati itarwaye kandi yera neza, Ingeri igomba kuba ifite cm 20-30 z'uburebure, ifite amapfundo (amaso) umunani 8 n'utugingo 9, ifite umubyimba wa cm nibura 2. Sukura ingeri: winika ingeri zo gutera mu mazi ashushye, ku rugero rwa dogire 50 (50°C) mugihe cy'iminota 20.




3 ICYICIRO CYA **TEGURE ITERA KU MURONGO**

-Batera ingeri imwe mu mwobo.
-Batera kuri m 1 hagati y'umurongo n'undi, no kuri m 1 hagati y'ingeri n'iyindi.
-Mu gihe cyo gutera, umuhinzi agomba kwinjiza neza mu butaka amapfundo 5 y'ingeri, naho 3 agasigara hejuru y'ubutaka imusozi.



4 ICYICIRO CYA **GUFUMBIRA**

-Mbere yo gutera ingeri, Imborera ivangwa neza n'itaka ryo hejuru, ahazaterwa ingeri. Koresha ibiro 2 kuri buri ngeri.
-Nyuma y'ibyumweru 6 uteye (ingeri zimaze gufata), shyiramo NPK 17.17.17 ku rugero rw'agafuniko ka fanta, uyishyire mu kaziga kazengurutse ingeri kuri cm 10 uvuye ku gihingwa, hanyuma woroseho agataka.



5 ICYICIRO CYA **GUKORERA NO GUKURIKIRANA IMYUMBATI MU MURIMA**

-Bagara nyuma y'ukwezi bamaze gutera;
-Sukira imyumbati imaze kugira cm 60 z'uburebure;
-Ongera kubagara igihe bibaye ngombwa umwumbati ufite amezi 3;
-Sasiza ibyatsi bibora
-Kurikirana igihingwa mu murima ukora isura rihagije (byibura inshuro imwe mu cyumweru)
-Kora isuzuma ry'uburwayi n'ibyonnyi no kubirwanya.

6 ICYICIRO CYA **GUSARURA NO GUHUNIKA**

-Basarura ibiro hagati ya 200 na 500 kuri Are imwe z'imyumbati.
-Imyumbati igeze igihe cyo gusarurwa igomba kuba imaze amezi 10 kugera kuri 15 ku myumbati y'imiribwa no kuva ku mezi 18 kugera kuri 24 ku myumbati ya gitamisi.
-Imyumbati ibikwa mu mirima ikazakurwa bibaye ngombwa; cyangwa ikabikwa ahantu humutse ari imivunde yumye.

Utere hagati y'Ukwakira n'Ugushyirwa, imyumbati iterwa k'ubutaka buseseka, bukamutse, bw'isi ndede kandi bubasha guhitisha amazi n'umwuka